CORE
Cultural Orientation Resource Exchange





# AMATEGEKO Y'AMERIKA: KUGENDERA KU MATEGEKO

Leta Zunze Ubumwe z'Amerika igengwa n'amategeko agamije guharanira ko akurikizwa ndetse no kurinda abaturage binyuze mu mategeko n'inzira zo kuyubahiriza. Ibi ni byo bizwi "nk'ubutegetsi bushingiye ku mategeko." Amategeko muri Amerika akurikiza amahame n'uburenganzira bisobanurwa mu Itegeko Nshinga ry'Amerika. Abantu bose muri Amerika, harimo n'impunzi, barengerwa n'aya mategeko kandi bafite inshingano zo kuyamenya no kuyakurikiza.

## *"LETA Y'ABATURAGE, YASHYIZWEHO N'ABATURAGE, IKORERA ABATURAGE"*

Byavuzwe mu mbwirwaruhame mu gihe cy'Intambara y'Amerika yo mu 1863 ubwo yahinduraga isura. Ayo magambo yavuzwe na Perezida Abraham Lincoln ni yo afatwa nk'umusingi w'igitekerezo cya demokarasi. Muri demokarasi, guverinoma iba igizwe n'abayobozi batorwa bakaba bahagarariye abaturage babatoye. Binyuze mu batowe bahagarariye abaturage, kandi binanyuze mu matora ndetse n'ibindi bikorwa mboneragihugu, abaturage bahabwa ubushobozi kandi bakagira uruhare mu ishyirwaho ry'amategeko azabagenga kandi azabarengera. Kugira uruhare mu bikorwa mboneragihugu ni uburenganzira n'inshingano bikomeye ku baturage bose.

## AMATEGEKO ASHYIRWAHO ATE?

Amerika ni igihugu kigizwe na leta zishyize hamwe. Buri leta muri 50 zigize Amerika ifite guverinoma yayo; kandi buri komini cyangwa urundi rwego bisa muri buri Leta igira ubuyobozi bw'ibanze. Amategeko y'Amerika atekerezwa kandi agategurwa n'urwego nshingamategeko rwa Leta y'Amerika (Kongere), akemezwa n'urwego nyubahirizategeko (Perezida na Minisiteri n'ibigo bya Leta), maze agashyirwa mu bikorwa n'urwego rw'ubutabera (inkiko z'Amerika, harimo n'Urukiko rw'ikirenga). Itegeko Nshinga rigena niba itegeko runaka ari inshingano z'ibanze za Leta y'Amerika cyangwa Leta n'ubuyobozi bw'ibanze.









Mu gukoresha izo nzego z'imiyoborere ya nshingamategeko, nyubahirizamategeko, n'ubutabera, guverinoma ku rwego rwa leta zikora ku buryo bwo gusobanura no kubahiriza amategeko yashyizweho na leta y'Amerika, ndetse no gushyiraho andi mategeko agenga leta zabo. Leta kandi zishyiraho ubuyobozi bw'ibanze maze zikabuha ububasha bwo gushyiraho amategeko. Kubera ko guverinoma y'Amerika, Leta, n'ubuyobozi bw'ibanze bose bashyiraho amategeko, *amategeko ashobora gutandukana hagati ya za leta no hagati ya za komini*. Ni ngombwa ko impunzi zibisobanukirwa kubera ko buri wese agomba kubahiriza amategeko ya leta n'aya komini atuyemo.

## AMATEGEKO AKURIKIZWA NA NDE?

Nta muntu n'umwe udakurikiza amategeko muri Amerika hatitawe ku cyiciro arimo, amafaranga afite, cyangwa ubundi burenganzira bwihariye afite. Amategeko amwe akurikizwa na bose. Gutanga ruswa kugira ngo uhunge amategeko bihanwa n'amategeko n'ubwo waba ugerageza guha ruswa umuyobozi kugira ngo aguhe uburenganzira budasanzwe cyangwa umwihariko ni icyaha gihanwa.

Kutamenya amategeko ntabwo muri rusange bigusonera kutayakurikiza. Abantu bica amategeko batabizi bagomba kwirengera ingaruka, n'ubwo baba batagamije kuyica.



## UBURENGANZIRA BWO GUHABWA UBUTABERA BUTABOGAMYE

Iyo umuntu yishe itegeko, afite uburenganzira bwo guhabwa ubutabera butabogamye. Uburenganzira bwo guhabwa ubutabera butabogamye ni uburenganzira bwo gufatwa neza binyuze mu gukoresha amategeko asobanutse, mu gihe ushinjwa icyaha. Muri Amerika, uburenganzira bwo guhabwa ubutabera butabogamye bivugwa mu Ivugurura rya Gatanu ry'Itegeko Nshinga ry'Amerika, ndetse no kwizezwa guciribwa urubanza bivugwa mu Ivugurura rya Gatandatu n'irya Cumi na kane.

## IVUGURURA RYA GATANU

Ivugurura rya gatanu rishyiraho uburenganzira bwo guhabwa ubutabera butabogamye iyo umuntu ashinjwa icyaha cyangwa iyo imitungo y'uwo muntu igiye gufatwa na Leta. Bibuza umuntu gushinjwa icyaha kimwe inshuro ebyiri. Kandi, ivuga ko umuntu adashobora guhatirwa kuba umutangabuhamya atabishaka mu kirego cy'icyaha, kandi umutungo bwite w'uwo muntu ntushobora gufatwa na Leta adahawe ingurane binganya agaciro.

## IVUGURURA RYA GATANDATU

Ivugurura rya gatandatu rivuga ko umuntu washinjwe icyaha afite uburenganzira bwo gucirirwa urubanza mu buryo bwihuse kandi mu ruhame, rugacibwa n'inteko itabogamye, ndetse no guhabwa umwunganizi mu by'amategeko. Umuntu kandi afite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku birego aregwa. Ikindi kandi, rivuga ko uregwa afite uburenganzira bwo guhata ibibazo abatangabuhamya bamushinja no gutanga abatangabuhamya bamushinjura.



## IVUGURURA RYA CUMI NA KANE

Ivugurura rya Cumi na kane ribuza Leta gushyiraho cyangwa kubahiriza amategeko yica uburenganzira bwatanzwe mu Itegeko Nshinga ry'Amerika. Ariko ivugurura rya Cumi na kane, ntirishyiraho uburyo Leta zigomba kubahiriza ubwo burenganzira, harimo uburenganzira bwo guhabwa ubutabera butabogamye. Bivuze ko amategeko arengera ubwo burenganzira no guhabwa ubutabera butabogamye ashobora gutandukana hagati ya za leta.

**Cultural Orientation Resource Exchange**
8719 Colesville Road, 3rd Floor • Silver Spring, MD 20910
For more information, visit the CORE Resettlement Navigator website at **corenav.org**.

Cultural Orientation Resource Exchange

The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**